# BURI GISINDISHA KIRAZIRIRIJWE.

Hadith yaturutse kwa Abu Burdat nawe ayikuye kuri se ari we Abu Musa Al Ash'ariy (Imana imwishimire) yavuze ko: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yamwohereje ahitwa Yemeni, maze ayibaza ku byerekeranye n'ibyengwamo ibinyobwa byaho, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubaza iti: Ni ibihe? Arayibwira ati: Ni ibyitwa Al Bit'u n'ibyitwa Al Miz'ru! Abu Burdat baramubaza bati: Al Bit'u ni iki? Arababwira ati: Ni inzoga yengwa mu buki, naho Al Miz'ru ni inzoga yengwa mu ngano; nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: "Buri gisindisha cyose kiba ari ikizira!" Yakiriwe na Bukhari. Yanakiriwe na Muslim n'imvugo ye iragira iti: Abu Musa yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yanyohereje ahitwa Yemeni ndi kumwe na Mu'adh, nuko ndayibaza nti: Yewe Ntumwa y'Imana! Ibinyobwa byengwa iwacu byitwa Al Mizaru byenze mu ngano, hari n'ibyitwa Al Bit'u byengwa mu buki, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: "Buri gisindisha cyose ni ikizira". No mu mvugo yakiriwe na Muslim iragira iti: "Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: Buri gisindisha cyose kibuza uwakinyweye gusali ni ikizira." No mu yindi mvugo ya Muslim iragira iti: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahawe kuvuga macye ariko akubiyemo ubutumwa bwinshi, nuko iravuga iti: Yabujije buri gisindisha cyose kibuza uwakinyweye gusali."

[Hadithi y'impamo] [رواه البخاري ومسلم]

Abu Musa Al Ash'ariy (Imana imwishimire) iravuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yamwohereje ahitwa Yemeni, nuko imubaza ku byerekeranye n'ibyengwamo byaho inzoga niba ziziririjwe, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) imusobanuza ibyo ari byo; Nuko Abu Musa (Imana imwishimire) arayibwira ati: Ni ibyitwa Al Bit'u byengwa mu buki, na Al Mizru byengwa mu ngano; nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yahawe kuvuga macye ariko akubiyemo ubutumwa bwinshi iramubwira iti: "Buri gisindisha cyose ni ikizira."

النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY

لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC
E-Da'wah Committee